*They that can give up essential liberty to obtain a little temporary safety deserve neither liberty nor safety.*
Benjamin FRANKLIN

# IJAMBO

N° 49

Prix : 100 Frw



ive me liberty,
ive me death"
rick HENRY

*Aho kunigwa n'ijambo uzanigwe n'uwo uribwiye*

## Abanyaruhengeri SEBATWARE na BAGARAGAZA bataye MUSA-NGAMFURA w'Isibo mu kagozi.

№ 902

## UTEXRWA yabonye umuti

## Perefe w'Umujyi wa Kigali ntaragaragaza ko adacuramye

*USA & RWANDA*
**Projects for journalists**



# Education

## Le mututsi *apprend le mépris des autres éthnies, l'art de l'intrigue et le goût de la simulation.*



**Dr. MUSWAHILI Paulin, un des participants au colloque de Bujumbura; auteur de l'article dont un extrait est ici reproduit.**

### *Education sous le regard maternel*

*Qu'il faille, dans cette éducation, admettre une différence liée à chaque ethnie – le Rwanda en compte trois :* **Bahutu, Batutsi, Batwa** *– n'empêche qu'on doit affirmer que tous les enfants en bas âge sont sous un régime de dressage que seule une épouse, qui en rien ne trahit l'éducation reçue de sa propre mère, sait doser.*

*L'enfant , dans sa socialisation progressive, apprendra la tenue, la politesse, le langage proportionnel à la dignité de l'interlocuteur, le port des habits, toutes les ressources de l'astuce au service de quiconque veut se tirer d'affaire, la spontanéité envers les siens, la réserve ou le langage voilé envers tout sujet supposé inconnu au cercle familial. Si l'on souligne une influence maternelle prépondérante, rien n'autorise l'exclusion de l'intervention paternelle indirecte.*

*La présence du père n'a de sens que dans la mesure où elle renforce l'autorité de la mère. Il faut souhailer que dans ce renforcement de l'autorité maternelle ou simplement dans la complémentarité des deux autorités, tout concourt à créer un climat tel qu'en l'absence du père, les enfants secouent l'autorité maternelle en ressentant l'influence du chef dans tout l'environnement.*

### *Education carrément pratique*

*Le* **Muhutu** *traditionnel, outre qu'il initiait progressivement son enfant de l'âge d'environ dix ans, à la forge dans le cas du forgeron, à la sculpture lorsqu'il était fournisseur de pots à lait, de mortiers, de louches, de peignes, de pirogues, à l'exploitation de la terre, tout* **Muhutu** *authentique traditionnel est expert dans cet art, à l'élevage de petit bétail surtout, veillait à ce que ses enfants soient contents de leur condition de subalterne –***urucugu ntirukura ngo rusumbe ijosi, inyundo ntiruta uwayicuze** *–, supportent patiemment, en attendant les jours meilleurs, les injustices du pouvoir établi et travaillent dur, sûrs que la bénédiction est fruit de dur labeur.*

*Si, suivant sa condition sociale, tel* **Muhutu** *envisageait l'éventualité de recourir, pour une plus grande sécurité, à un autre* **Muhutu** *ou à un* **Mututsi** *nanti d'une plus grande puissance socio-économique que lui, les enfants de sexe masculin devaient être exercés dans l'appréciation des hommes et des choses, dans l'art de savoir attendre, de se contenter, en fait de nourriture et de boisson, du peu ou des miettes de table et de s'effacer pour que l'autorité du chef brille avec plus d'éclat.*

*Dans l'éducation qui différencie le* **Mutwa du Muhutu** *et du* **Mututsi**, *il faut remarquer l'apport de l'éducation fonctionale, éducation que chaque enfant suce avec le lait maternel et que, par osmose, pourrait-on dire, il reçoit de l'air du milieu.* **Mutwa** *excellera mieux que ces autres compatriotes dans la* [illegible]*tion, la subjugation et l'appréciation de l'environnement qu'il exploite soit, suivant les circonstances, en faisant la bête, le bouffon, soit en dansant ou en chantant, soit en proférant des invectives sur la personne dont il connaît la réaction, de telle sorte qu'il s'attendra, dans ce calcul merveilleux, moins à une réprimande qu'à un sourire qui accompagne l'un des cadeaux qu'il espérait obtenir.*

*L'histoire ancienne présente le* **Mutwa** *et ce n'est toujours pas dépourvu de fondement, comme chasseur habile et intrépide, maître de danse et bouffon hors pairs, tueur sans remords et ennemi impénitent de tout ce qui le rapprocherait des préoccupations de son compatriote le* **Muhutu**. *Les exemples ne manquent pas, montrant par exemple que dans une région aussi progressiste que celle de Buanamukali (Butare), des* **Batwa** *vilipendent leurs frères qui décident d'entretenir leurs champs, d'organiser un élevage à leur taille ou de se construire une maison plus décente sous le seul prétexte que cette attitude qui les rapproche des agriculteurs* **Bahutu**, *finirait par supprimer leur mendicité habituelle. Ceci revient à souligner indirectement ce à quoi la nature l'avait destiné. Le métier d'amuseur public de bourreau, de guerrier et de chef de ballet, celui de potier restant un pis aller pour le moment inévitable, ne pouvait que convenir à ce conservateur. Qu'à tout le monde, l'école du soir ou d'autour-du-feu donne l'histoire des héros nationaux, la sagesse de nos proverbes, la culture des contes, fables et devinettes, il n'était pas insensé que le*

Mututsi *fasse tout pour que sa progéniture masculine nourrisse un mépris pour tout citoyen membre de l'ethnie qui n'avait aucun accès au pouvoir ni aux privilèges inhérents à celui-ci.*

*Les enfants de la noblesse fréquenteront ce qu'on pourrait appeler l'école de cadets. Un programme précis comportera notamment le tir à l'arc, le lancement du javelot, la course, la poésie, les cas difficiles et fictifs à démêler, le sens de l'honneur, l'art de l'intrigue et de l'émulation, le goût de l'héroïsme et de la simulation.*

*Les trois ethnies se rejoignent dans l'appréciation de l'éducation dure ou sévère, la seule qui soit, croit-on, de nature à modeler un Rwandais authentique qui, le moment venu se tirera d'affaire; peu importe le moyen qu'il mettra à contribution. Sa sagesse, avec laquelle la morale n'a pas toutes les raisons d'être d'accord ou de la recommander à toute l'humanité, souligne que l'homme fait, plus malin qu'intelligent, bien entendu, est celui qui se nourrit de ses propres biens et vit, sans susciter le moindre des soupçons, aux dépens des autres* – **Umugabo ni udya ibye n'iby'abandi ntafatwe.**

## Source

**La civilisation ancienne des peuples des grands lacs** *Colloque de Bujumbura* **(du 4 au 10 septembre 1979)** *organisé par le Centre de Civilisation Burundaise* **(Ministère de la Jeunesse, des Sports et de la Culture)** *1981, pp. 210-211.*

Editions KARTHALA

# Niba Perefe RENZAHO adacuramye azasobanure amahano yakoze.

Illustration sur la couverture:
LE TRIBUN DU PEUPLE n° 21 du 1er juin 1992

**Igihe nta kitugaragariza ko Perefe RENZAHO ari muzima, ni ngombwa ko dusesengura amakosa yakoze arwanisha interahamwe n'abakombozi. Mu nyandiko ikurikira murasoma ibyo umurwanashyaka wa MDR yatugejejeho kuko yakurikiraniye hafi amafuti ya RENZAHO.**

Iyi nyandiko sinyikoreye kugira ngo ngaragaze akarengane natewe na Perefe RENZAHO Tharcisse n'umukozi we SEZIRAHIGA, ahubwo nyikoreye urukundo mfitiye igihugu cyanjye muri rusange, n'urwo mfitiye abaturage ba Perefegitura y'Umujyi ku buryo bw'umwihariko.

Nahohotewe na Perefe RENZAHO, anyirukana ku kazi anziza ko ngo naba ndi mu mashyaka amwe akomeye atavuga rumwe na MRND, ariko cyane cyane anziza ishyaka rya rubanda MDR.

Uko byagenze ngo bibara umupfu, ariko ndabivuga kuko ayo marorerwa umuntu atayaceceka kandi dushaka ukuri no kugira ngo abere isomo abandi bose bakoraga nka Renzaho.

Intandaro yabaye urugendo INTERAHAMWE za MRND zakoreye mu mujyi wa Kigali kuwa 28/05/1992. INTERAHAMWE za MRND zandikiye Perefe wa Perefegitura y'umujyi wa Kigali kuwa 19/05/1992, zimumenyesha ko zizakora urugendo rw'akababaro kuwa 28/05/1992, rwagombaga kurangirira kuri Stade Régional ya Kigali. Ibaruwa yahitiye mu biro bya Perefe Renzaho, nyuma kuwa 26/05/1992, Perefe arwohereza muri secrétariat aho nakoraga ngo turujyane muri service ishinzwe affaires politiques, yanditseho ngo barusubize vuba kandi bemera urwo rugendo. Maze kubisoma nihutiye kwandika urwo rwandiko mu gitabo cyabigenewe (régistre du courrier reçu), nyuma rwandikwa mu kandi gatabo twandikagamo inzandiko zose zigiye mu ma services, ushinzwe affaires politiques ndamubura, mpita nduha undi bakorana icyo gihe wakoraga kuwa kabiri gusa kuko yari muri Konji.

Yahise asubiza urwo rwandiko akurikije ibyo Perefe yari yanditseho, ndujyana muri dactylographie bararwandika neza, byose biratungana, haba hasigaye umukono wa Perefe. Ubundi umunsi wose twakiraga inzandiko Perefe agomba gushyiraho umukono we, isaha yo gutaha yaba yegereje tukazishyira mu biro bye zitegereje umukono we. Urwo rwandiko rero rwemerera INTERAHAMWE urugendo rwagiye hamwe n'izindi, tugarutse ku kazi kuwa gatatu kuwa 27/05/1992, arabidusubiza kugira ngo tubyohereze aho bigomba kujya. Urwo rwandiko nduheruka rujya kwa Perefe ngo arushyireho umukono kuko kuwa 27/05/1992, ntongeye kurukoraho, ahubwo ibyari bisigaye byose gukorwa kuri iyo baruwa byakozwe n'umutegarugori twakoranaga, akaba we yarohererezaga inzandiko amaze kuzandika mu gitabo cyabigenewe (régistre du courrier éxpédié).

Iyo baruwa yayanditse muri icyo gitabo, ayiha N° 956/04.09.01 yo kuwa 27/05/1992. Muri urwo rwandiko harimo ko ngo urugendo rw'izo NTERAHAMWE ruzara-

ngirira inyuma ya Stade aho umuntu yakwita kuri Tapis rouge kuko imbere muri stade harimo meeting y'ishyaka PSD yari yaremerewe mbere hashize iminsi mike. Interahamwe rero zasabye stade yari yaramaze guhabwa PSD ngo ihakoreshereze meeting ndetse n'urwandiko rubemerera baruryamanye. INTERAHAMWE KAJUGA Robert niwe waje mu ma saa tanu n'igice hafi saa sita, uwo mutegarugori amuha ibarwa yabo N° 956/04.09.01 yo kuwa 27/05/1992.

INTERAHAMWE zibonye ko PSD yahawe stade kera, zandika urundi rwandiko zisaba Perefe kuzihindurira inzira, zigasozereza urugendo ku biro bya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe. Uwo munsi kuwa 27/05/1992 nyuma ya saa sita, Perefe we ubwe yahise azisubiza yemera urwo rugendo mu ibaruwa N° 964/04.09.01 nayo yo kuwa 27/05/1992. Biragaragara ko Perefe RENZAHO yatanze impushya ebyiri umunsi umwe kandi aziha INTERAHAMWE za MRND.

Kuwa 28/05/1992, urugendo rw'INTERAHAMWE rwarabaye rurangwa n'urugomo cyane hagati y'INTERAHAMWE n'ABAKOMBOZI ba PSD ndetse n'aba JDR. baza kuzamo kugeza ubwo byageze aho amasasu y'abajandarume yumvikaniye.

Burya koko demokarasi izatsinda. Kuwa 29/05/1992, ishyaka MDR ryashyize ahagaragara itangazo N° 13 risobanura ukuntu Perefe RENZAHO atwitse umujyi wa KIGALI harimo n' ayo mabaruwa yombi Perefe yandikiye INTERAHAMWE. Ubwo biba birashakuje mu mujyi hose, Perefe Renzaho ubwoba buramwica ariko buvanze n'umujinya kuko muri iryo tangazo bagaragazaga ubuswa ayo mabaruwa yatanganywe.

Aho ishyaka MDR ryavanye ayo mabaruwa simpazi ariko sinangombwa kuhibaza kuko ayo mabaruwa yose yari yasohotse kandi hari benshi yari yamenyeshejwe (copies pour information). Ubwo amaze kumenya ko MININTER igiye gutangira anketi kuri ayo mabaruwa, yahise aduhamagaza izo twari twasize pour classement, afata ibaruwa ifite N° 956/04.09.01, ayiha umwambari we SEZIRAHIGA ngo ayihindure itariki, ngo asibe le 27/05/1992 yandikeho le 26/05/1992 kugira ngo bagaragaze ko iyo baruwa N° 956/04.09.01 yasohotse kuwa 26/05/1992 kandi bazineza ko ataribyo.

Uwo mugabo SEZIRAHIGA yahamagaye wa mutegarugori navuze haruguru twakoranaga n'igitabo (registre du courrier expédié) amusaba gusiba muri icyo gitabo ngo ahanditse le 27/05/1992 ahinduremo le 26/05/1992 kugira ngo umukono udahinduka; inyangamugayo yahise imutera utwatsi, SEZIRAHIGA yiyemeza guhindura iyo nyandiko. Arasiba na Blanco, ahari handitse le 27/05/1992 ahandika le 26/05/1992 no kw'ibaruwa niko yari yabigenje ariko yabikoze n'imashini nta na carbone ashyizemo ku buryo byagaragaragaga ko hahinduwe.

Umukozi wa MININTER aje asanga ayo marorerwa bayarangije, bamwereka ayo mabaruwa yombi N° 956/04.09.01 bashyize le 26/05/1992, na 964/04.09.01 yo kuwa 27/05/1992). Bakimara kuyamuhereza, Perefe RENZAHO na SEZIRAHIGA bahise bikubita mu modoka barigendera barahamusiga, basiga bavuze ngo baraje, ngo nakenera ibindi bisobanuro barabimuha baje ariko ibyo babibwiye wa mutegarugori uwaje gukora anketi atumva. Umugabo amaze kureba ayo mabaruwa yashatse kureba no mugitabo, uwo mutegarugori ntiyakimwereka kuko uburenganzira yari yahawe bwagarukiraga ku mabaruwa gusa. Umugabo abonye ko bamuhunze babishaka, ahita yigendera, bamenye ko yagiye bahita bagaruka barituramira bati umugambi turawujuje.

Mu gushaka rero impamvu yo kunyirukana bavuze ko ibaruwa N° 956/04.09.01 Perefe yayishyizeho umukono kuwa 26/05/1992, noneho ngo nkayiha ishyaka MDR ngo [illegible] hindure iyo tariki ryandike ko [illegible] yasohotse kuwa 27/05/1992; ba[illegible] mbeshyeye bataretse n'ishyaka MDR. Baba barabyemeje kandi ba[illegible]zi neza ko ari ikinyoma cyambaye ubusa. Mbega umutima nama mabi

Muri ibyo byose, ari jyewe [illegible] n'uwo mutegarugori, ntitwigeze [illegible] bazwa uko ibintu byagenze, ahubwo uwo SEZIRAHIGA yatuma ho umugabo wo hanze mwene wabo uwo SEZIRAHIGA yari [illegible] mwumvisha ko nsigaye nkora [illegible] ko ngo naba ndi mu mashyaka y' opposition, kandi ngo ko naba [illegible]bye iyo baruwa navuze haruguru ko ngo abahungu baruhije bashaka ra no kurya za ruswa (ubwo [illegible] we yariye iya Perefe), ngo ko bagiye gukora anketi basanga aribyo bahita [illegible] nyirukana. Ubwo bari bizeye za fal[illegible]sifications bakoze. Umutima [illegible] muke byose babingerekaho kandi ntacyo bambajije, rero ntacyo ba[illegible]gombaga no kumbaza kuko bari ba[illegible]zi neza ko byose aribo babyikoreye. Numvise bitangiye kugera ahabi[illegible]meye, mbitekerereza umukozi [illegible]shizwe iperereza kuri Perefegitura y'Umujyi wa Kigali, izo nyandiko zose zidahuye zo mu gitabo ndetse mwereka ngo yibonere ukuri.

Nagiye muri week-end kuwa 6/06/1992, ngarutse kuwa 9/06/1992, nsanga banyandikiye ibaruwa inyirukana yo kuwa 7/06/1992. Uwo murava wo gukora ku cyumweru! Nahise nihutira ku[illegible]reba Perefe, yanga kunyakira ndi[illegible]hira nzize ubusa. Bazi neza ko ama[illegible]kosa aribo bayakoze ariko bashaka igitambo. Nabumvishije ko ibimenyetso byose batabisiba ngo babirangize, babyumvise, bafashe cya gitabo (registre du courrier expédié) bagicamo impapuro, bandikamo bundi bushya kandi handikamo umukozi ukora muri relations publiques ngo ni secrétaire particulier wa Renzaho. Ntacyo nabyo bihindura kuko muri iyo minsi banditse muri icyo gitabo, ntakuntu basobanura ko tutakoraga. Muri iyo baruwa inyirukana banditsemo ko ngo nari mw'igeragezwa none ngo babo-

ridashimishije ngo ninitahire, ugiza ko iryo geragezwa nari rangije kandi neza.

Perefe RENZAHO n'umukozi SEZIRAHIGA bagomba gusewa ku kazi kuko batazi akazi. Bazabanze babaze neza igihe geragezwa rimara, icyo bakora iyo bonye ridashimishije, uko bigeiyo ntacyo babwiye umukozi uri iryo geragezwa. Perefe RENZAHO akwiye gusezererwa ku bobozi bwa Perefegitura y'umukubera ubushobozi buke. Ntimvikana ukuntu Perefe muziyemera mitingi ebyiri zombi zo rwego rwa Perefegitura kandi Perefegitura imwe. Nsanga yari yaremereye Ishyaka PSD koresha mitingi yaryo yo mu rwe rwa Perefegitura, yari impamvu meye kandi yumvikana yo kwiurugendo rw'INTE-RAMWE ku wundi munsi dore ko rwango byo bidashoboka. Guhindagura rero amatariki ntacyo bihindura kuri iryo kosa. Bishoboka se ko ibaruwa N° 955/04.09.01/13 yakwandikwa ku 27/05/1992 ariko ibaruwa iyikurikira ariyo N° 956/04.09.01 ikandikwa kuwa 26/05/1992? Nabyo garagaza ubuswa bwabo n'ubushobozi buke. Nubwo bagerageje kushakisha ayo mabaruwa yose ngo bayahindure aho mpaviriye ngo ibimenyetso byose bisibangane, ndemeza ko zose batazibonye, kandi nariya bakozi navuze haruguru babyemeza ko ariko byagenze. Bakwiye gukurikiranwaa mu nkiko bakabihanirwa kubera guhindagura inyandiko.

Ntibyumvikana ukuntu Perefe muzima atazi ko guhindagura inyandiko ari icyaha gihanwa n'amategeko.

Umuntu nka SEZIRAHIGA wize ibyo gukina imipira nabyo ubu bikaba byaramunaniye, ntakwiye kwegurirwa gukina mu madosiye y'abakozi ba Perefegitura bamurusha ubushobozi, bityo akaba agomba gukurikiranwa. Nta kazi ashoboye ahubwo n'uwo kwirirwa ashakisha abo yirukana. Uwashaka kumenya ukuri kuri ibyo byo kwirukana uko bishakiye, yabaza umukozi ushinzwe uburezi n'amahugurwa (chef de division Education et formation), yakunyuriramo ukuntu SEZIRAHIGA yiraye mu bakozi ba za IGA za Perefegitura y'Umujyi akabirukana abandi akabahindagura nta muntu ubizi, yewe n'umugore ushinzwe za IGA mu rwego rwa Perefegitura yose atabizi.

Muri rya tangazo rya MDR navuze haruguru, harimo ko Perefe RENZAHO akwiye gukurwa ku butegetsi bwa Perefegitura y'Umujyi, bitaba ibyo hakazakora Demokarasi, none twatangiye kumva ko Perefe Renzaho atarebwa n'icyemezo inama ya Gouvernement iherutse gufata kivuga ko Perefe azajya ategeka Perefegitura avukamo. Niba rero Perefe Renzaho bamukomeyeho, nibamugabire Perefegitura ya Kibungo avukamo, niba kandi bakomeye kw'igarade ya Lieutenant Colonel, bakwiye kubona ko hari ba Colonel bafite ubushobozi bashobora gutegeka umujyi wa Kigali.

Niba rero ibyo bitabaye, turugarijwe niba Perefe Renzaho wagaragayeho ubushobozi buke batamuhinduye. EREGA IMPIRIMBANYI YA DEMOKARASI NTIRYAMA. Nitudahaguruka ngo duhagarare, tuzakomeza dukandamizwe.

Ibi byose simbyandikiye kugira ngo nerekane ko nahohotewe gusa kuko akazi kazaboneka aho biyumvisha ko kutaba muri MRND atari icyaha, ahubwo nagirango ababajwe n'abaturage ba Perefegitura y'Umujyi wa Kigali babuze umutegetsi kandi abategetsi bategeka Perefegitura y'umujyi batabuze, bongere ibi bimenyetso ku byo bari basanganywe kandi byinshi ku mikorere mibi ya Perefe RENZAHO.

Nari ngiye kuvuga ngo Perefe Renzaho azasubizwe mu ngabo zigihugu kuko ngo ari ingénieur de guerre, bityo akarwana iyi ntambara turimo, nsanga naba nibeshye kuko ingabo z'igihugu zitakwihanganira na rimwe ririya hindagura ry'inyandiko. Ariko ubwo inama ya Gouvernement hari abasirikari yongereye igihe mu ngabo z'Igihugu kubera akamaro kabo, iyo nama yari ikwiye kongera igaterana, ikongerera Lieutenant Colonel RENZAHO Tharcisse imyaka, akageza ku myaka yo gufata ikiruhuko mu ngabo z'igihugu, bityo agasezererwa nk'abandi bose.

*MUGAMBIRA Vénuste*

# Abagenzi ba Gitarama – Ruhengeri barinuba

## NYARWAYA nakore ahandi cyangwa yirukanwe

Ejobundi narakugendeye n'i GITARAMA ngo ba! nti «reka njye mu RUHENGERI nteze Bisi». Mu kanya gato iba irahageze (saa sita na cumi n'itanu). Nti muragenda ryari ngo ngure ka Fanta? Shoferi ati gura unywe. Mbona arayarutse no mu gikari cya Resitora n'undi musore ntazi.

Saa saba n'igice arinjira, aratsa, turagenda. Agikata irya mbere umutima uransimbuka. Amakorosi ya kaburimbo ayanywa buzi. Nyuma y'iminota 20 ati ibitotsi birampishe. Umutwe awusohoye hanze ubwo kandi turagenda! Aho ndi nti karabaye pe. Ku bw'Imana twambutse Nyabarongo tugera mu

Ngororero, dutangira agahanda ka bi, narabukwa kwa Shoferi nkabon urushinge rurandika 80, 90, 10 Akata irya mbere, irya kabiri n'iry gatatu, aho ndi nti Nyagasani um nye abawe. Ageze mu rya kane n mva ngo Po! Si bwo agonze um shinwa wari utwaye «dou

Komeza ku rup